**UGUHITAMO BIDASUBIRWAHO KW'AHAZISHYURIRWA AMAFARANGA Y'UBUCURUZI**

**ABAGIRANYE AMASEZERANO:**

**Access Bank (Rwanda) Plc.,** Ikigo cy'Ubucuruzi Gifite Uburyozwe Buhinnye n'imari shingiro ya 15,000,000,000 FRW, na Kode y'Ikigo: 100053886, Icyicaro Gikuru giherereye mu Nzu ya 3 igeretse mu nyubako ya KIC mu mujyi wa Kigali rwagati, P.O BOX: 2059 Kigali, Rwanda, muri aya masezerano gihagarariwe na **………** na**………..** Umuyobozi Mukuru n'Umujyanama Mukuru mu Mategeko akaba n'Umunyamabanga w'Ikigo, cyitwa muri aya masezerano "**Banki**" ku ruhande rumwe.

**Na**

**…………. Ltd,** ikigo cy'ubucuruzi gifite ubuzima gatozi gihabwa n'amategeko y'u Rwanda, gifite **Kode y'Ikigo**:**………..** gifite icyicaro cyanditswe ko giherereye mu Murenge wa ……………, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, Nomero ya telefone: +250……… Imeyili: ……… muri aya masezerano gihagarariwe na **………** Umuyobozi Mukuru, muri aya masezerano kiza kwitwa **"Ugurijwe"** ku rundi ruhande.

**BISABWE KO MURI AYA MASEZERANO HAJYAMO IBI BIKURIKIRA:**

Ikigo cyiyemeje ko ahishyurirwa amafaranga yose kibona mu bucuruzi bwacyo haba muri Konti yacyo Itunguka ifite **N°** **…………...** yafunguriwe muri Access Bank (Rwanda) Plc ikaba ari yo ubwishyu bw'inguzanyo yahawe Ugurijwe buzajya bukuririrwaho.

Ikigo kizubahiriza rwose amasezerano akorewemo hano kandi amafaranga ntashobora na rimwe kozoherezwa ku yindi konti iyo ari yo yose ya banki, Banki itabanje kubitangira uburenganzira bubyemera mu nyandiko.

Impande zose zisobanukiwe kandi zemeranya ko nta gikorwa (guhererekanya, gufatira, gutambamira) cyangwa amasezerano anyuranije n'ariho ubu, gishobora gukereza cyangwa kubuza yaba ubwishyu cyangwa uguhitamo ahazishyurirwa ibikorwa n'amafaranga y'Ikigo.

Niba bitagenwa n'amasezerano ya mbere kandi agenderwaho ya Banki, amasezerano ariho ubu azaguma kubahirizwa kugeza ubwishyu bwose bukozwe bukarangira, kandi ubwishyu bw'igice cyangwa bwuzuye bukozwe binyuranije n'aya masezerano ntabwo bwatambamirwa ku ruhande rwa Banki.

Mu gihe habayeho kutubahiriza cyangwa kunanirwa kubahiriza ingingo iyo ari yo yose mu zigize aya masezerano, Ikigo cyemereye Banki mu buryo bweruye gukoresha uburenganzira n’ububasha butangwa n’itegeko.

Amagambo agize aya masezerano azagenerwa ibisobanuro, asobanurwe ndetse yubahirizwe hakurikijwe amategeko ya Repubulika y’u Rwanda.

Mu gihe habayeho amakosa cyangwa amakimbirane mu isobanura cyangwa ishyirwa mu bikorwa ry’amasezerano ariho ubu, ibyo bigomba gukemurwa mu bwumvikane.

Mu gihe binaniranye gukemura izo mpaka n’amakimbirane mu nzira zavuzwe haruguru, ikibazo gishyikirizwa inkiko zo mu Rwanda zibifitiye ububasha bwo kuburanisha.

Bikorewe i Kigali, **Umunsi Ukwezi, Umwaka.**

**KU BWA: ACCESS BANK (RWANDA) PLC**

_____________________________ ________________________

**UMUJYANAMA MUKURU MU MATEGEKO &UMUNYAMABANGA W’IKIGO**

**UMUYOBOZI MUKURU**

**KU BWA: UGURIJWE**

________________________

**-------------------------**

**………… LTD**

**UMUYOBOZI MUKURU**